*Kamena 2025* *ikinyarwanda*

# Urarinzwe!

**Sangiza abandi iby'ukwizera kuguhora ku mutima!** (reba. 1 Petr 3,15)

*Kontakt:* Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: m.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

Nshuti bakunzi ba go4peace,

Muri uyu mwaka mutagatifu aho Papa Fransisko aduhamagararira kujya mu rugendo rutagatifu nk'abahamya b'ukwizera, Jana aradusangiza muri iyi kamena ibhe bikomeye by'ukwizera yanyuzemo mu buzima bwe:

„Kuri njye ni ingenzi cyane umunsi wanjye wose kuwubanamo n'Imana. Ni muri ubwo buryo nshaka kenshi akanya niyegereza Imana, kugira ngo nshobore kongera kumva neza icyerekezo gikwiye nkwiye guha ubuzima bwanjyel.

Mu gihe gishiza numvaga muri njye nta kintu gifatika kirimo, mbese muri make numva mbayeho nta cyerekezo mfite, n'ubwo bwose urebeye inyuma byose byaragendaga neza. Nari maze kubona akandi kazi nishimiye kandi numva gahuje n'ubushobozi bwanjye. Muri icyo gihe no muri ibyo byiyumvo bivangavanze nagiye mu misa ku cyumweru. Nyuma ya misa sinahise njya mu rugo ahubwo nagumye mu Kiliziya umwanya muto. Umupadiri wari wasomye misa, yaraje aransanga ahita ambaza niba byanshobokera nkabasanga tugafatanya gutegura abana barimo kwitegura isakaramentu ry'ugukomezwa. Icyo gitekerezo cyaranshimishije cyane kuko byatumye nongera kubona uburyo bwo guhura n'abantu bafite ukwemera nk'ukwa njye.

Muri icyo gihe numvise ari nk'Imana ubwayo impaye amahirwe mashya yo kubaho. Kuva ubwo, natangiye kwitabira ibikorwa byinshi byamfashije kubona ibyishimo n'umunezero.

Twifatanye na Jana muri Kamena dutekereze ku ijambo rigira riti: „**urarinzwe"!***!*

Ku bw'itsinda go4peace-Team Meinolf Wacker

---

P.S.: Mutinyuke gusangiza ubunararibonye bwanyu kuri **go4peace App**, mu gice cyitwa **„**Discover & write**"**.